



Crash Dynamics

Ni ngombwa gukoresha intebe yo mu modoka yabugenewe

Crash dynamics (Imbaraga zibaho) iyo imodoka igonze.

Intebe z'abana zo mu modoka zifasha kwirinda kuvunika. Iyo imodoka igonze ikintu imbaraga zose zitewe niyo mpanuka zikusanyiriza mu ntebe zo mu modoka hanyuma izisigaye zikazamukira mu mubiri w'umwana.

Rinda umwana wawe ushyira mu modoka intebe y'umwana yabugenewe ikwiranye n'imyaka ye, uburebure bwe n'ibiro bye.



**Department
of Health**

Ibyiciro by'impanuka

Icyiciro cya 1: Kugonga kw'imodoka

Bibaho iyo imodoka igonze ikintu ikagondama cyangwa ikangirika.




Icyiciro cya 2: Human Crash (Kugonga k'umuntu)

Bibaho iyo imodoka igonze ikintu igahagarara maze umuntu akijugunya agakomeza kugendera ku muvuduko imodoka yari ifite.



Icyiciro cya 3: Internal Crash (kugonga imbere mu mubiri)

Bibaho iyo imodoka igonze ikintu umuntu ntawe aho ari ari ko inyama z'imbere mu mubiri zo zigakomeza kuzengurukamo imbere. Icyi cyiciro akenshi giteza impanuka ikomeye cyangwa urupfu.



Amoko y'intebe zo mu modoka



Intebe zo mu modoka umwana yicaramo areba inyuma zigabanya ibyago byo kuvunika zirinda umutwe, ijosi n'uruti rw'umugongo kuko zohereza imbaraga z'impanuka mu bice byose by'umubiri.



Intebe yo mu modoka umwana yicaramo areba imbere yo ituma imbaraga z'impanuka zirukira mu mubiri w'umwana nubwo aguma yicaye hamwe. Gukoresha umugozi uzirika intebe neza birinda umutwe w'umwana kujya imbere mu gihe cy'impanuka.



Umusego wo mu ntebe y'umwana utuma iyo yicaye azamuka ku buryo umukandara umufata neza mu ntugu ze, amaguru ye n'agatuzza ke.



Imikandara yo mu modoka ituma umuntu akomeza kuguma mu ntebe ye iyo imodoka ikoze impanuka. Umukandara wo mu ntebe unyura ku gihimba ukazamuka mu gatuza.

Iyo umwana wawe umufungiyeye umukandara neza akaba yicaye no mu ntebe y'abana ifunze neza biramurinda mu gihe cy'impanuka.

- Intebe zo mu modoka zigabanya mbere na mbere ingaruka imbaraga zitewe n'impanuka zari kugira, hanyuma ikabona kurinda umwana.
- Intebe zo mu modoka zohereza izo mbaraga z'impanuka mu bice binini by'umubiri w'umwana ari na ko zikomeza gutuma umwana aguma mu mwanya we.
- Intebe zirinda umutwe w'umwana kandi zikarinda n'ijosi rye bikaguma mu mwanya wabyo.

Zirinda abagenzi batambaye imikandara hamwe n'ibikoresho biri mu modoka gukubitana.

- Abagenzi bose bari mu modoka bagomba kwambara umukandara.
- Koresha intebe y'umwana yo mu modoka, umusego, cyangwa umukandara buri gihe.
- Ibintu biri mu modoka bishyire muni y'intebe, mu dutiriwari two mu modoka cg muri butu.
- Abana bagomba kwicara inyuma kugeza bagejeje ku myaka 13.
- Koresha intebe z'abana zo mu modoka zihuje n'amabwiriza y'umutekano yo muri Leta zunze ubumwe za Amerika.
- Funga iyo ntebe neza ukurikije amabwiriza atangwa n'uruganda rwakoze iyo ntebe.
- Kugira ngo **umukozi wemewe ushinze umutekano w'abana akugenzurire niba iyo ntebe yemewe, sikana iyi kode ya QR.**



health.ny.gov/carseats

trafficsafety.ny.gov

Yatwe inkunga n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Umutekano wo mu Muhanda (National Highway Traffic Safety Administration) binyuze mu nkunga yatanze na Komite y'Umutekano wo mu Muhanda y'Umuyobozi wa Leta ya New York (NYS Governor's Traffic Safety Committee).



**Department
of Health**